Ministry for Ethnic Communities
Te Tari Mātāwaka

# Ingero z'uburyo abanyamahanga bashobora kwinjira mu Mibereho y'Imiryango y'Abaturage bava mu yandi moko cyangwa hanze ya New Zealand

Dore ingero zimwe z'uburyo Imiryango y'Abaturage bakomoka hanze ya New Zealand yagiye yinjirirwa mu mibereho yabo. Izi ngero zishingiye ku byo Imiryango y'Abaturage bava mu yandi moko yagiye isangiza Minisiteri Ishinzwe Imiryango y'Abaturage bakomoka hanze ya New Zealand.

Muri izi ngero, "leta y'amahanga" bivuga **igihugu icyo ari cyo cyose kitari New Zealand**. Iyi mvugo ikoreshwa mu kuvuga ibihugu byo hanze ya New Zealand

## Urugero rwa 1

Akenshi abagize imiryango baba bashaka gusubira mu bihugu byabo bya kavukire gusura inshuti n'imiryango yabo. Kuri ibyo, bashobora gukenera serivisi za ambasade. Izo serivisi zitangwa na ambasade cyangwa ibiro bito by'ambasade z'igihugu ku baturage bacyo bari hanze yacyo, zirimo gutanga pasiporo, viza, inyandiko z'ingendo, no gufasha mu bindi bibazo by'amategeko.

Abagize umuryango w'abakomoka hanze ya New Zealand babwiwe n'abakozi b'ambasade ko batazabona viza cyangwa pasiporo nshya nibakomeza kugirana umubano n'amatsinda cyangwa abantu bo muri New Zealand banenga icyo gihugu cy'amahanga. Ibi bituma imiryango y'abakomoka hanze ya New Zealand itinya gutanga ibitekerezo byabo, kuvugana n'abantu runaka, gukora imyigaragambyo, cyangwa kwifatanya n'amatsinda. Ibi babujijwe bituma abagize iyi miryango muri New Zealand, bumva bameze nk'abagoswe kandi bagenzurwa na leta y'amahanga. Iyo abantu batabasha kujya gusura imiryango n'inshuti zabo, bigira ingaruka zikomeye ku muryango wabo ndetse no ku buzima bwabo muri rusange.



## Urugero rwa 2

Mw'itsinda rimwe ry'imiryango, ahantu ho gusengera hagezweho no kwivanga kw'abanyamahanga. Umunyamuryango mushya, wagaragaraga nk'ukunda cyane imyemerere y'idini, yinjiye cyane mu bikorwa by'iyobokamana by'imiryango. Uwo muntu yatangiye kuganira cyane ku byerekeye politiki, asaba abantu gushyigikira ubutegetsi bw'igihugu akomokamo. Yashakaga ko inyigisho ziba izijyanye na politiki. Uwo muntu mushya kandi yagerageje guhagarika abantu bose banenga iyo leta y'amahanga. Ibi byose yabikoraga abisabwe niyo leta y'amahanga.

Abagize iryo tsinda ry'imiryango bagiye banenga icyo gihugu bari imbere y'uwo muntu mushya, batangiye kwakira ubutumwa buteye ubwoba bwoherejwe n'abantu batazwi kuri telefoni no ku mbuga nkoranyambaga. Ibi ntibyigeze bibaho mbere y'uko uwo muntu mushya aza. Abanyamuryango baketseko uwo muntu yatangaga raporo kuri leta y'amahanga. Babonye ko ibibazo byatangiye gusa ubwo uwo muntu yabiyungagaho, agashaka guhatira abantu gushyigikira iyo leta y'amahanga. Iki kibazo cyatumye abantu bumva badatekanye kandi batakizera bagenzi babo. Byakomereye abanyamuryango guhurira hamwe no gushyira umutima ku kwemera kwabo aha hantu basengeraga.

## Urugero rwa 3

Mw'itsinda rimwe ry'imiryango, abantu babonye imyitwarire iteye impungenge y'umwe mu bagize iryo tsinda. Uwo muntu yahoraga abaza ibitekerezo bya politiki n'ibikorwa by'abandi bagize iryo tsinda. Abanyamuryango baje kumenya ko uwo muntu yari yarasabwe na leta y'amahanga gutanga raporo kuri Ambasade y'icyo gihugu muri New Zealand, ku bantu banenga ubutegetsi bw'icyo gihugu bakomokamo.

Bamwe mu bagize umuryango baganiriye n'uwo muntu banenga icyo gihugu bahuye n'ibibazo bitunguranye nk'ibibazo bya viza cyangwa kubazwa ibibazo byinshi ku kibuga cy'indege bageze mu gihugu bakomokamo. Ibi ntibyigeze bibaho mbere. Bakeka ko ibyo bibazo byatewe n'uko ibiganiro bagiranye n'uwo muntu byagejejwe kuri Ambasade. Ibi byatumye abantu muri iryo tsinda batangira kugira ubwoba no kutizerana, maze bahagarika gutanga ibitekerezo byabo by'ukuri.

## Urugero rwa 4

Umuntu waharaniraga uburenganzira wanenze igihugu cye akomokamo yahohotewe n'ubuyobozi ubwo yasubiraga muri icyo gihugu. Itsinda ry'imiryango riri muri New Zealand ryumvise ayo makuru, batekereza ko ibyo bishobora no kuba ku muntu bazi.

Hashize amezi make, umwe mu bagize iri tsinda muri New Zealand yakiriye ubutumwa buteye ubwoba bumuburira ko agomba kwitondera ingendo zo mu mahanga. Uwo muntu yari yaragaragaje impungenge ku byerekeye uburenganzira bwa muntu mu gihugu cye cy'amavuko ari muri New Zealand. Ubu aratinya kujya gusura umuryango we ndetse no kunyura mu bihugu bishobora kubahiriza impapuro zo kumufata zatanzwe n'ubuyobozi bw'igihugu cye cy'amavuko.

Abayobozi b'igihugu cye cy'amavuko basuye umuryango we mu gihugu maze umuryango we umusaba guhagarika kuvuga ku bijyanye n'uburenganzira bwa muntu ari muri New Zealand. Iri terabwoba ryatumye uwo muntu ahagarika kuvugana n'umuryango we, kuko atinya ibibazo by'umutekano ku muryango we. Afite impugenge k'umutekano we n'uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo muri New Zealand.

## Urugero rwa 5

Umwe mu bagize itsinda ry'imiryango wahoraga anenga igihugu cy'amahanga ku mbuga nkoranyambaga yahuye no kwivanga kw'abanyamahanga. Amakuru ye bwite, nk'aho atuye, nomero ya telefoni na imeli yashyizwe kuri murandasi—ibyo bikaba byitwa "gutangaza amakuru bwite y'undi hari ibyihishe inyuma bibi". Abashyize amakuru ye kuri murandasi babisabwe na leta y'amahanga. Uwo muntu yakiriye telefoni n'ubutumwa bwo kumutera ubwoba. Konti ze ku mbuga nkoranyambaga zashyizweho ibitekerezo by'urugomo. Uwo muntu yumvise afite ubwoba cyane kandi adatekanye.

Nyuma yaje gusanga ko ibyo byakozwe n'abantu bari muri New Zealand bakoreraga iyo leta y'amahanga. Amakuru y'umunyamuryango bwite yashyizwe kuri murandasi kugira ngo uwo muntu aterwe ubwoba maze areke kunenga iyo leta ku mbuga nkoranyambaga. Yahagaritse gutanga ibitekerezo bye ku mbuga nkoranyambaga no gutanga ibitekerezo ku mugaragaro.